CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali/Rwanda
Tél. : (+250) 575439
Fax : (+250) 578080
E mail: cepr@eglisecatholiquerwanda.org
Web site : www.eglisecatholiquerwanda.org

Nonc: N. 1895/17 CEPR: N.Réf: 40-17

ITANGAZO RY'IBIRO BY'INTUMWA YA PAPA MU RWANDA

Bavandimwe,

Nshimishijwe no kubagezaho iri tangazo dukesha Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda: Kuri uyu munsi tariki ya 18/03/2017 i saa sita ku isaha ya Roma, ni ukuvuga i saa saba z'amanywa ku isaha yo mu Rwanda, ku Cyicaro Gikuru cya Kiliziya Gatolika batangaje inkuru y'uko Nyirubutungane Papa Fransisiko yatoreye Nyiricyubahiro Musenyeri **Andrzej JÓZWOWICZ**, Arkiepiskopi wa Lauriaco **kuba Intumwa ya Papa mu Rwanda**. Ku mugereka w'iri tangazo murahasanga umwirondoro we.

Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda bibaye bishimiye ibitangazamakuru bizatangaza iyo nkuru mu gihugu.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18 Werurwe 2017

+ Rukemba

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
B.P. 357
KIGALI
RWANDA
C.E P.R.

+ Philippe RUKAMBA, Umwepiskopi wa Butare na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
Secrétariat Général
B.P. 357 Kigali/Rwanda
Tél. : (+250) 575439
Fax : (+250) 578080
E mail: cepr@eglisecatholiquerwanda.org
Web site : www.eglisecatholiquerwanda.org

UMWIRONDORO WA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI ANDRZEJ JÓZWOWICZ

DUKESHA IBIRO BY'INTUMWA YA PAPA MU RWANDA

Yavutse kuwa 14 Mutarama 1965 i Boki (Bocki) muri Polonye (Pologne)

Yahawe ubusaseridoti kuwa 24 Gicurasi 1990

Afite Impamyabumenyi y'ikirenga (doctorat) mu bijyanye n'amategeko ya Kiliziya (droit canonique) n'amategeko mbonezamubano (droit civil)

Imirimo yakoze: Yatangiye mirimo yerekeye guhagararira Papa mu 1997. Yabanje muri Mozambike, akomereza muri Tayilande (Thaïlande), Hongiriya (Hongrie), Siriya (Syrie), Irani, no mu bihugu byunze ubumwe by'Uburusiya.

Indimi avuga: Igitaliyani, Icyongereza, Igifaransa, Ikirusiya n'Igiporutigali

Bikorewe i Kigali, ku wa 18 Werurwe 2017

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA B.P. 357 KIGALI RWANDA C.E.P.R.

+ Rukemba

+ Philippe RUKAMBA, Umwepiskopi wa Butare na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda